Wakora iki mu gihe wakoze amakosa?

Uyu mwitozo wo kwisuzuma uzagufasha (1) kumenya uko wakwitwara mu gihe wakoze amakosa (2) no kumenya uko uzabyifatamo niwongera gukora amakosa.

Ubitekerezaho iki?

1 Kuki abakiri bato badakunze kwemera amakosa yabo?

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

URUGERO: "Iyo nkoze ikosa muri jye ndabyemera, ariko kubyemera imbere y'abandi mu by'ukuri birangora. Simba nshaka ko abantu bambona nabi."—Melinda.

2 Abantu bakubona bate niba buri gihe ugerageza guhishira amakosa yawe?

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

URUGERO: "Iyo ukunda guhisha amakosa wakoze, abantu babibona nabi. Abantu bashobora kwihanganira amakosa, ariko ntibakunda umuntu ubaryarya."—Christine.

3 Abantu bakubona bate niba wihutira kwemera amakosa yawe?

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

URUGERO: "Ndibuka ko iyo nemeraga amakosa yanjye, aho kugira ngo abantu bansuzugure barushagaho kunyubaha." —Richard.

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Ni iki *wakora?*

Witije igare rya papa wawe none waryangije.

- ☐ Waceceka, wibwira ko atari bubimenye.
- ☐ Wabwira papa wawe uko byagenze utamubeshye.
- ☐ Wamubwira uko byagenze, ariko ikosa ukarigereka ku wundi muntu.

Wari urimo gukina umupira, maze umupira umena idirishya ry'umuturanyi wanyu.

- ☐ Wakwiruka.
- ☐ Wabwira uwo muturanyi uko byagenze kandi ukamusezeranya ko uzishyura ibyangiritse.
- ☐ Wagereka iryo kosa ku bandi.

Utsinzwe ikizamini kuko utize neza.

- ☐ Wavuga ko cyari gikomeye.
- ☐ Wakwemera ko kuba watsinzwe wabigizemo uruhare.
- ☐ Wavuga ko hari icyo upfa na mwarimu.

Noneho ongera usuzume iyo mimerere yose uko ari itatu maze wishyire mu mwanya (1) wa papa wawe, (2) w'umuturanyi wanyu, cyangwa (3) mwarimu wawe.

Uhise wemera amakosa wakoze, utekereza ko papa wawe, umuturanyi wanyu na mwarimu wawe bakubona bate?

.....

.....

.....

.....

.....

Utekereza ko bakubona bate uramutse ugeretse amakosa ku bandi cyangwa ukageragaza kuyahisha?

.....

.....

.....

.....

.....

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Gerageza kwibuka ikosa wakoze mu mwaka ushize.

Iryo kosa ni irihe?

.....

.....

.....

Wabyitwayemo ute?

- ☐ Nararihishe.
- ☐ Narigeretse ku bandi.
- ☐ Nahise ndyemera.

Niba *utaremeye* ikosa ryawe, wumvise umeze ute nyuma yaho?

- ☐ Numvise meze neza, nta kibazo mfite!
- ☐ Numvise umutimanama uncira urubanza; nagombye kuba naremeye iryo kosa.

Wumva ari ubuhe buryo bwiza wari gukemuramo icyo kibazo?

.....

.....

.....

.....

.....

Ni irihe somo wakuye kuri iryo kosa wakoze?

.....

.....

.....

.....

.....

Mu mezi 12 ari imbere, ni iyihe ntego wakwishyiriraho mu birebana n'icyo wakora mu gihe wakoze amakosa?

.....

.....

.....

.....

.....

Izindi nama zagufasha.

Ibindi wakora: gereranya ukuntu Dawidi yemeye icyaha cye, nk'uko biboneka muri 2 Samweli 12:1-13, n'uko Sawuli yagerageje kwisobanura, nk'uko biboneka muri 1 Samweli 15:10-26.

Zirikana ibi: yaba Dawidi cyangwa Sawuli nta n'umwe *wahise* yemera ikosa yakoze, nubwo bombi baje kuyemera *nyuma yaho.* Wumva ari ukubera iki Yehova Imana yababariye Dawidi ntababarire Sawuli?

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania